



Ingingo z’ingenzi:

- o **Igiteranyo cy’imvura** yabonetse kuva taliki 1-10_Ukuboza_2017; cyagaragaje imvura yabaye nkeya cyane mu bice by’Uburasirazuba, Amajyaruguru ndetse no mu gihugu hagati naho ku bupimiro bwa Rusizi iba nyinshi
- o Amashusho y’icyogajuru arerekana ukugabanuka ku bubobere bw’ubutaka mu gihugu kubera imvura yabaye nke ugereranyije n’iyabonetse mbere yaho
- o **11-20_Ukuboza_2017**; hateganyijwe **iyongera ry’imvura** mu gice gishyira amajyepfo y’igihugu.


I. Iriburiro

Mu gice cya 1 cya Ukuboza_2017; mu bice by’amajyaruguru, uburasirazuba ndetse no mu gihugu hagati; habonetse imvura nke ugereranyije n’isanzwe iboneka kubera imiyaga ifite ubuhehere yahuriraga mu gice cy’amajyepfo ahandi akaba aricyo kibona imvura nyinshi kurusha ahandi

- a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Ukuboza_2017 ndetse n’imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy’imvura kuri buri bupimiro (muri mm)


Ubupimiro	01-10_Uku boza_2017	01-10_Ukuboza
Kigali	35.1	35.3
Rusizi (Kamembe)	51.6	45.5
Rubavu (Gisenyi)	13.6	32.8
Nyamagabe (Gikongoro)	45.6	57.6
Ngoma (Kibungo)	12.5	35.9
Gicumbi (Byumba)	1.8	28.8
Bugarama	37.5	40.1
Musanze (Ruhengeri)	8.5	35.8
Gitega	9.1	21.2
Rubengera	9.4	55.0
Byimana	27.1	45.2
Kawangire	0.7	35.5
Nyagatare	0.0	36.6




[Igisushanyo](#)

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira (iya **1&2**) zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10_Ukuboza_2017 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 21-30_Ugushyngyo_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Ukuboza_2017




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Ukuboza



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-30_Ugushyngyo_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-30_Ugushyngyo




II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10_Ukuboza_2017 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Ukuboza; cyagaragaje ko mu bice by'amajyaruguru, uburasirazuba ndetse no mu gihugu hagati; habonetse imvura nke ugereranyije n'isanzwe iboneka kubera imiyaga ifite ubuhehere yahuriraga mu gice cy'amajyepfo ahandi akaba aricyo kibona imvura nyinshi kurusha ahandi (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**); Tubona ibitandukanye aho mu mataliki ya 21-30_Ugushyngyo_2017; igice cy'amajyaruguru y'igihugu aricyo cyabonye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe iboneka muri ayo mataliki (nkuko bigaragazwa n'**Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Kuva taliki ya 21_Ugushyingo kugeza 10_Ukuboza_2017; Amashusho y'icyogajuru agaragaza ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka, bitewe n'ibihe by'imvura bitabaye byinshi muri iyi minsi 10 ya mbere y'ukwezi k'Ukuboza nkuko byagaragaye muri iyi minsi 10 ya nyuma y'ukwezi k'Ugushyingo (reba **Ikarita 5&6**)

Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Ukuboza_2017

Hateganijwe imvura mu bice byose by'igihugu ariko ikibanda mu gice cy'amajyepfo naho uburasirazuba ikagenda icika (imvura nke cyane)

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)